



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA MUTARAMA 2021

10 Gashyantare 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2021

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 2,8% mu kwezi gushize kwa Mutarama 2021 ugereranyije na Mutarama 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 3,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 2,8% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 5,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 3,3%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2021 na Mutarama 2020, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 3,4%.

Wagereranya ukwezi kwa mbere (Mutarama 2021) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2020), ibiciro byagabanutseho 0,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,5%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Mutarama 2021, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 4% ugereranyije na Mutarama 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 4,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,9% n'ibiciro by'amahoteli na resitora byazamutseho 8,8%.

Ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2021) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2020) ibiciro byagabanutseho 1,2%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,8%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Mutarama 2021 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 3,5% ugereranyije na Mutarama 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 3,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 3,5% mu kwezi kwa Mutarama 2021 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,4%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,5% n'ibiciro by'amahoteli na resitora byazamutseho 4,7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2021) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2020) ibiciro byagabanutseho 0,8%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,4%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva mmuri Mutarama 2020 kugeza muri Mutarama 2021.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2020 kugeza muri Mutarama 2021 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije													
	2020												2021
	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	7,3	8,7	8,5	8,0	9,2	9,0	9,2	8,8	8,9	7,2	4,2	3,7	2,8
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	14,6	17,1	16,5	11,7	10,5	11,2	13,2	12,4	12,2	10,9	4,7	4,1	4,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	11,5	13,5	13,1	10,1	9,9	10,3	11,5	10,9	10,8	9,3	4,5	3,9	3,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,6	1,6	1,0	-0,2	2,0	-0,2	0,2	0,5	1,0	-0,9	-1,0	-0,8	-0,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-1,1	1,8	2,5	-3,0	-0,3	0,6	1,6	1,7	2,0	0,6	-0,7	-1,7	-1,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-0,4	1,7	1,9	-1,8	0,7	0,2	1,0	1,2	1,6	0,0	-0,8	-1,3	-0,8
<i>Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw